| i. gahunda ya sosiyete y'ubwishingizi bw'ababishingizi ku ruhande rw'abishingizi cyangwa gahunda y'abishingizi b'abishingira abishingizi; | i. company's reinsurance programme for insurers and retrocession program for re-insurers; | i. le programme de réassurance de la société ou de rétrocession pour les réassureurs ; |
| ii. ikigereranyo cy'ikiguzi gicishirije cyo gutangiza isosiyete n'uburyo ayo mafaranga azaboneka; | ii. estimated setting-up costs and how the cost shall be financed; | ii. estimation des coûts et leur financement; |
| iii. uburyo buteganyijwe bwerekana uko uwo murimo uzatera imbere bugaragazwa n'amafaranga ateganyijwe kwinjira n'ifoto y'umutungo, nibura mu gihe cy'imyaka itatu, kandi ifoto y'umutungo igomba kuba ikubiyemo uburyo buteganyijwe mu kubara ibisabwa kugira ngo imari shingiro ibe ihagije bikerekana uburyo sosiyete izabasha kugumana nibura amafaranga ya ngombwa yo kwirinda igihombo hakurikijwe ibiteganywa n'amabwiriza; | iii. projected development of business shown by projected revenue account and the balance sheet, for at least three years, which must include a projected calculation of capital adequacy requirements indicating that the company shall be able to maintain its minimum regulatory solvency margin throughout the projection period; | iii. la prévision du développement de la société indiquée par les revenus prévus et le bilan d'au moins trois ans, qui doit contenir la prévision de calcul des exigences du capital adéquat indiquant que la société sera capable de maintenir la marge minimale de solvabilité réglementaire tout au long de la période visée; |
| iv. z'amasezerano, zigenga isano hagati ya sosiyete isaba gukora n'andi masosiyete; | iv. contract documents, regulating the applicants' relationship with other companies; | iv. les documents de contrat, régissant les relations entre les demandeurs et d'autres sociétés ; |
| 12° raporo irambuye yemejwe n'umuhanga mu mibare yerekeye ubwishingizi ku bwoko bw'ubwishingizi sosiyete yifuza gukora cyangwa serivisi ziherekejwe n'icyitegererezo cy'impapuro ziteganyijwe kuzajya zuzuzwa, | 12° a detailed report certified by an appointed actuary on the proposed insurance or reinsurance products or services with specimens of proposal forms, policy wording contracts and information on premium rates and commission scales; | 12° un rapport détaillé et certifié par l'actuaire nommé portant sur les produits ou services d'assurance ou de réassurance proposés, avec des spécimens des formulaires proposés, les contrats de police rédigés et |

amagambo akubiye mu masezerano y'ubwishingizi cyangwa y'ubwishingizi bw'abishingizi azifashishwa ndetse n'ibisobanuro byerekeye amafaranga y'ikiguzi cy'ubwishingizi cyangwa cy'ubwishingizi bw'abishingizi hamwe n'ingano y'umufuragiho uzatangwa;		information sur les taux de primes et le montant des commissions ;
13° imiterere n'uburyo bwo gucunga ingorane harimo uburyo abayobozi bakuru bakoresha mu gutanga raporo;	13° the risk management structure and systems including management reporting systems;	13° la structure et les systèmes de gestion des risques y compris les systèmes des rapports pour la haute direction;
14° gahunda iteganyijwe y'imiyoborere ya sosiyete kandi ikaba yubahirije amabwiriza rusange;	14° a proposed corporate governance framework that is complying with regulations;	14° un cadre proposé pour la gouvernance de société qui est en conformité avec les règlements;
15° abahanga mu mibare yerekeye ubwishingizi ba sosiyete harimo n'impuguke mu mibare y'ubwishingizi iteganyije gushyirirwaho sosiyete y'ubwishingizi bw'igihe kirekire cyangwa umwishingizi w'abishingizi;	15° the actuaries of the company; including the proposed appointed actuary for a life insurance or reinsurance company;	15° les actuaires de la société y compris un actuaire proposé à la nomination pour la société d'assurance vie ou de réassurance vie;
16° abagenzuzi bigenga ba sosiyete;	16° the external auditors of the company;	16° les auditeurs externes de la société;
17° imbonerahamwe igaragaza amashami ashinzwe imirimo;	17° the organizational chart indicating functional departments;	17° l'organigramme indiquant les départements fonctionnels ;
18° ikigereranyo cy'umubare w'abakozi;	18° the estimated number of employees;	18° l'estimation du nombre d'employés ;
19° n'andi makuru yose n'ibisobanuro Banki Nkuru yasanga ari ngombwa	19° any other documentation or information that the Bank considers	19° toute autre documentation ou information que la Banque Centrale

Official Gazette no. 01 of 07/01/2019

kugira ngo ifate umwanzuro kuri dosiye isaba.

necessary to take decision on the application.

juge nécessaire pour statuer sur la demande.

Dosiye isaba igomba kuba iherekejwe n'inyandiko y'ubwumvikane n'amategeko shingiro, icyemezo cy'iyandikisha, kopi yemejwe y'umwanzuro w'inama y'ubutegetsi yemerera itegurwa n'itangwa rya dosiye isaba kwemererwa gukora n'itangazo ry'abagenzuzi ryemeza ko hari imari shingiro isabwa yishyuwe yabikijwe mu gihe kigenwe mu kigo cy'imari kibyemerewe.

The application shall be accompanied by the memorandum and articles of association, the certificate of registration, and a certified copy of the resolution of the board of directors authorizing the preparation and submission of the application and statement of auditors certifying existence of the required paid up capital in fixed term deposits in a licensed financial institution.

La Demande doit être accompagnée de l'Acte constitutif et des Statuts, du certificat d'enregistrement, et d'une copie certifiée de la résolution du Conseil d'Administration autorisant la préparation et la soumission de la demande et d'une déclaration des auditeurs attestant l'existence du capital nécessaire libéré en dépôts à terme dans une institution financière agréée.

Ku byerekeye abasaba b'abanyamahanga, dosiye isaba nayo igomba kuba iherekejwe n'itangazo rivuye ku kigo kigenzura cyo mu gihugu baturutsemo ryemeza ko cyabanje kwemeza cyangwa ko nta mbogamizi yo gushyiraho ishami ryacyo cyangwa ibindi biro mu Rwanda, kandi kikemeza ko abanyamigabane babyemerewe batanzwe n'usaba, abari mu nama y'ubutegetsi ndetse n'abayobozi bakuru, bose hamwe, ari abantu bakwiiye kandi bujuje ibyangombwa.

With respect to foreign applicants, the application shall also be accompanied by a statement from the home supervisory authority declaring that it has given prior approval or a non-objection for the establishment of a subsidiary or any other office in Rwanda, and that the applicant's qualifying shareholders, directors and senior management, as a whole, are fit and proper persons.

Concernant les demandeurs étrangers, la demande doit aussi être accompagnée d'une déclaration de l'autorité de supervision d'origine attestant qu'elle a préalablement approuvé la demande ou qu'elle a donné une non-objection pour la création d'une filiale ou tout autre bureau au Rwanda, et que les actionnaires qualifiés du demandeur, les administrateurs et les cadres dirigeants sont tous des personnes dignes et compétentes.

Impinduka zose zifatika ziri muri dosiye zerekeye inama y'ubutegetsi, abagize komite nyobozi, abayobozi bakuru, cyangwa imiterere y'imari shingiro n'imigabane zibayeho mu gihe dosiye ikirimo gusuzumwa cyangwa nyuma y'uko icyemezo cyatanzwe ariko mbere y'itangira ry'ibikorwa, zigomba guhitwa zimenyeshwa Banki Nkuru mu gihe cya vuba gishoboka, ariko uko byagenda kose, kidashobora kurenga iminsi makumyabiri

Any material changes in the application concerning the composition of the board of directors, members of the executive committee, senior management, or capital structure and shareholdings, which may take place while the application is being processed or after the license is issued but before commencement of operations, shall be duly notified to the Central Bank as soon as possible, but in any event, not later than

Tout changement important dans la demande concernant la composition du Conseil d'Administration, les membres du comité exécutif, les hauts cadres, ou la structure du capital et les actionnaires, pouvant survenir au cours du traitement de la demande ou après l'octroi de l'agrément mais avant le début des activités, doit être dûment notifié à la Banque Centrale dès que possible, mais dans tous les cas, dans un délai ne dépassant pas vingt et un

n'umwe (21) uherye umunsi impinduka zabereye.

twenty-one (21) days from the day the change has been brought.

(21) jours à partir du jour où ce changement a été effectué.

Gutanga amakuru atari ukuri cyangwa ashobora kuyobya bituma uwasabye afatwa nkudakwiye kandi utujuje ibisabwa kuri uwo murimo kandi bifatwa nk'impamvu yo kutakira dosiye ye isaba cyangwa y'ivanwaho ry'icyemezo, mu gihe icyo cyemezo cyamaze gutangwa.

The submission of any untrue or misleading information shall render the applicant a person not fit and proper, and shall constitute grounds for rejection of the application or revocation of the license, where a license has been granted.

La transmission de toute information fautive ou qui peut induire en erreur rend la personne requérante non digne et appropriée, et constitue un motif de rejet de la demande ou l'annulation de l'agrément dans le cas où celui-ci a été octroyé.

Ingingo ya 14: Ibigenderwaho mu kwemererwa

Article 14: Criteria for licensing

Article 14: Critères d'octroi d'agrément

Mu gusuzuma dosiye isaba, Banki Nkuru igomba kumenya neza niba:

In considering the application, the Central Bank shall make sure that:

Lors de l'examen de la demande, la Banque Centrale doit s'assurer que:

1° hagaragara umucyo uhagije mu miterere y'umutungo wa sosiyete;

1° there is sufficient transparency in the ownership structure of the company;

1° il y a une transparence suffisante dans la structure de la propriété de la société;

2° hari imari shingiro ihagije yagenewe iyo sosiyete kugira ngo ikore umurimo isabira kwemererwa;

2° there is sufficient capital for the proposed company to carry out the business whose license is applied for;

2° il y a un capital suffisant pour la société envisagée pour accomplir l'activité dont l'agrément est demandé;

3° abafite imigabane itubutse bumva neza umurimo wabo, ari inyangamugayo, bafite ingufu mu byerekeye imari kandi bafite n'ubushobozi bwo gutanga indi nkunga y'imari, igihe byaba ngombwa;

3° the qualifying shareholders possess good business standing, integrity, financial strength and ability to provide further financial support, if necessary;

3° les actionnaires qualifiés disposent d'une bonne position dans les affaires, l'intégrité, la puissance financière et la capacité à fournir le soutien financier supplémentaire en cas de nécessité;

4° abafite imigabane itubutse, abari mu nama y'ubutegetsi, abayobozi bakuru, abagenzuzi n'abahanga mu imibare

4° the qualifying shareholders, directors, senior management, auditors and

4° les actionnaires qualifiés, les administrateurs, les cadres dirigeants, les auditeurs et les actuaires de la

Official Gazette no. 01 of 07/01/2019

- | | | |
|-----------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|----------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|
| y'ubwishingizi b'iyo sosiyete bujuje ibisabwa n'inshingano basabwa kuzuza; | actuaries of the company are fit and proper to fulfill their roles; | société sont des personnes dignes et appropriées pour remplir leur fonction; |
| 5° abari mu nama y'ubutegetsi n'abakozi bakuru bafite ubushobozi bwo gukorana umwete umurimo w'ubwishingizi ndetse no guhiganwa basanzwe bakora uwo umurimo; | 5° directors and senior manager are qualified to conduct the business competently and competitively with existing insurers and reinsurers; | 5° les administrateurs et les cadres dirigeants sont qualifiés pour mener les activités de façon compétente et compétitive avec les assureurs et réassureurs existants; |
| 6° uburyo bwo gucunga ingorane bw'usaba uburyo bw'igenzura ry'imbere rya sosiyete, uburyo bw'ikoranabuhanga mu itumanaho, politiki n'amabwiriza bihagije ukurikije imiterere n'ingano y'ibikorwa by'umurimo w'ubwishingizi; | 6° the applicant's risk management systems, internal control systems, information technology systems, policies and procedures, are adequate for the nature and scale of the proposed business operations; | 6° les systèmes du demandeur en matières de gestion des risques les systèmes de contrôle interne, les systèmes de technologie de l'information, les politiques et les procédures sont appropriés pour la nature et l'étendue des opérations commerciales; |
| 7° kuba gahunda z'igenabikorwa n'izi'igenamigambi ry'imari bishobora gushyirwa mu bikorwa kandi bikaba bigendanye n'ibyiciro by'ibikorwa by'umurimo w'ubwishingizi ndetse n'ibyteza ingorane kandi zigatanga ibisobanuro birambuye ku byagenda ku gutangiza isosiyete, imiterere y'imari shingiro, ibiteganyijwe mu guteza imbere uwo umurimo w'ubwishingizi, igipimo ntagibwa muni mu bushobozi bwo kwishyura ndetse n'amasezerano yagiranye n'abishingizi b'abishingizi cyangwa ay'ubwishingizi bw'abishingizi bazamwishingira; | 7° the business plans and financial plans are realistic and reflect the business lines and risk profile and give details of projected setting-up costs, capital structure, projected development of business, solvency margins and reinsurance or retrocession arrangements; | 7° les plans d'affaires et les plans financiers sont réalistes et reflètent les secteurs d'activités, le profil des risques et donnent des détails sur la projection des coûts de mise en place, la structure du capital, la projection du développement de l'activité, les marges de solvabilité et les arrangements de réassurance ou de rétrocession; |

8° hazabaho igenzura rihagije kandi rikozwe neza n'igihugu iyo sosiyete iturutse mu gihe sosiyete isaba iri mu zigize itsinda mpuzamahanga ry'ubwishingizi cyangwa ry'abishingizi b'abishingizi;

9° inyungu za rubanda zizitabwaho mu gihe hatanzwe icyo cyemezo.

8° there shall be adequate and effective supervision by the home country if the applicant is part of an international insurance or reinsurance group;

9° the public interest would be served by granting the license.

8° une supervision adéquate et effective sera faite par le pays d'origine du demandeur si le demandeur fait partie du groupe international d'assurance ou de réassurance;

9° l'intérêt général serait sauvegardé en octroyant l'agrément.

Ingingo ya 15: Iyemezwa ry'abari mu nama y'ubutegetsi ndetse n'abakozi bakuru

Nta muntu uteganyijwe gushyirwa mu nama y'ubutegetsi cyangwa mu buyobozi bukuru ushobora gutangira imirimo ye muri sosiyete y'ubwishingizi cyangwa iy'ubwishingizi bw'abishingizi iryo shyirwaho ritabanje kwemezwa na Banki Nkuru ishingiyeye ku bisabwa n'aya mabwiriza ndetse n'ibindi bisabwa n'amategeko cyangwa andi mabwiriza abigenga.

Ingingoya 16: Isuzuma ryo kureba ko hujujwe ibisabwa birebana n'ubushobozi, n'ubudakemwa mu mico no mu myifatire

Mu kumenya niba abateganya kugira cyangwa abafite imigabane itubutse, abagize inama y'ubutegetsi n'abakozi bakuru bakorera umwishingizi cyangwa umwishingizi w'abishingizi bafite ubushobozi n'ubudakemwa mu mico no mu myifatire, Banki Nkuru igomba kwita kuri ibi bikurikira:

Article 15: Approval of the Directors and Senior Managers

A proposed Director or senior manager shall not assume any duty in a licensed insurance and reinsurance company without prior approval of his or her appointment by the Central Bank in accordance with the requirements set out in this Regulation and other relevant legal and regulatory requirements.

Article 16: Fit and Proper Test

While determining the fit and proper character of current and proposed qualifying shareholders, directors and senior management of an insurer or reinsurer, the Central Bank shall have regard to:

Article 15: Approbation des administrateurs et des cadres dirigeants

L'administrateur proposé ou cadre dirigeant ne peut exercer ses fonctions dans une société d'assurance et de réassurance agréée sans que sa nomination soit préalablement approuvée par la Banque Centrale conformément aux exigences énoncées dans le présent règlement et à d'autres exigences légales et réglementaires y relatives.

Article 16: Epreuve de dignité et de compétence

Pour déterminer la dignité et la compétence des actionnaires qualifiés en place et proposés, les administrateurs et les cadres dirigeants d'un assureur ou de réassureur, la Banque Centrale doit tenir compte de:

Official Gazette no. 01 of 07/01/2019

- | | | |
|--------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|
| <p>1° imyifatire y'umuntu ku giti cye ku byerekeye ubudakemwa muri rusange, ubushobozi n'ubushishozi mu gusohozza inshingano ze ndetse n'ubwitange abikorana cyangwa agaragara ko azasohozza inshingano ze;</p> | <p>1° personal qualities relating to his general probity, competence and soundness of judgment for fulfilling his responsibilities, and diligence with which they fulfill or are likely to fulfill their responsibilities;</p> | <p>1° qualités personnelles relatives à leur probité en général, la compétence et le sens de jugement pour remplir leurs responsabilités, et la diligence avec laquelle ils remplissent ou sont susceptibles de s'acquitter de leurs responsabilités;</p> |
| <p>2° imyifatire n'ibikorwa byaranze uwo muntu mu byerekeranye n'umurimo yakoze cyangwa ibyerekeye imari, by'umwihariko, kumenya niba uwo muntu yarigeze atangazwa ko yaguye mu gihombo cyangwa ko yagize uruhare nk'umunyamigabane, uri mu nama y'ubuyobozi, cyangwa yarabaye umuyobozi wa sosiyete zahombye;</p> | <p>2° previous conduct and activities of the person concerned in business or financial matters and, in particular, to any evidence that the person has been declared bankrupt or has been involved as a shareholder, director or manager of insolvent enterprises;</p> | <p>2° la conduite antérieure et les activités de la personne concernée en relation avec l'activité ou les problèmes financiers et, en particulier, de toute preuve que cette personne a été déclarée en faillite ou a été impliquée, en tant qu'actionnaire, administrateur ou gestionnaire des entreprises insolvables;</p> |
| <p>3° yarahamwe n'icyaha cyangwa yarabaye icyitso mu cyaha icyo aricyo cyose gifitanye isano na ruswa, uburiganya, kunyereza imisoro, iyezandonke, cyangwa ibindi byaha bimunga ubukungu n'imari, icyaha cyibasiye inyoko muntu, icyaha cya jenocide cyangwa iterabwoba.</p> | <p>3° has been convicted of or has been accomplice in any offence involving corruption, fraud, tax evasion, money laundering, other economic and financial crimes, crime against humanity or crime of genocide or terrorism.</p> | <p>3° a été reconnue coupable ou complice dans l'un des crimes relatifs à la corruption, fraude, fraude fiscale, blanchiment d'argent, autres crimes économiques et financiers, crime contre l'humanité, crime de génocide ou terrorisme.</p> |

Ingingo ya 17: Ibyangombwa Umuyobozi Mukuru agomba kuba yujuje

Buri mwishingizi cyangwa umwishingizi w'abishingizi agomba kugira umuyobozi mukuru uhoraho ugomba kuba:

- 1° kuba afite impamyabushobozi itangwa n'ikigo kigisha abanyamwuga mu bwishingizi, imibare y'ubwishingizi,

Article 17: Qualifications of Chief Executive Officer/Managing Director

Every insurer or reinsurer shall have a full-time chief executive officer who shall be:

- 1° a holder of a professional qualification in insurance, actuarial science, accounting, or other relevant field; or

Article 17: Qualifications du Directeur Général

Chaque assureur ou réassureur doit avoir à temps plein un Directeur Général qui doit:

- 1° un titulaire d'une qualification professionnelle en assurance, en

ibaruramutungo, cyangwa andi mashami bifitanye isano; cyangwa

- 2° afite Impamyabumenyi y'icyiciro cya gatatu cya kaminuza mu by'ubucuruzi, ubukungu, amatageko, imibare y'ubwishingizi cyangwa ibindi bifitanye isano.

Umuntu uvugwa mu duka twa 10 na 20 agomba nibura kuba afite uburambe bw'imyaka irindwi (7), itatu (3) muri yo akaba yarayikoze mu myanya y'ubuyobozi mu bigo by'ubwishingizi cyangwa by'ubwishingizi bw'abishingizi cyangwa ibigo bize nkabyo.

Ingingo ya 18: Ibyangombwa Umuyobozi Mukuru ushinzwe Imari agomba kuba yujuje

Buri mwishingizi cyangwa umwishingizi w'abishingizi agomba kuba afite Umuyobozi Mukuru Ushinzwe iby'imari uhoraho cyangwa ukuriye uwo murimo ugomba kuba:

- 1° afite impamyabushobozi mu by'ibaruramari ry'umwuga yatanze n'ikigo kizwi;
- 2° akanagira impamyabumenyi y'icyiciro cya gatatu cya Kaminuza mu byerekeye ibaruramari cyangwa imari kandi afite uburambe bw'imyaka nibura itanu (5) mu byerekeye icungamari.

- 2° master's degree in business studies, economics, actuarial science, law or other related fields.

A person specified in sub-paragraph 10 or 20 of this Article must have at least 7 years of experience of which three (3) have been passed in managerial position in insurance companies, reinsurance or similar institutions.

Article 18: Qualifications of Chief Finance Officer

Every insurer or reinsurer shall have a full time Chief Finance Officer or the head of finance who shall:

- 1° possess a professional qualification in accounting from a recognized institution; and
- 2° be a holder of Master's degree in accounting or finance with at least five (5) years of experience in finance.

science actuarielle, en comptabilité ou dans un autre domaine connexe ; ou

- 2° maîtrise en études commerciales, en économie, en science actuarielle, en droit ou dans d'autres domaines connexes.

Une personne spécifiée au point 1° ou 2° du présent article doit avoir au moins sept ans (7) ans d'expérience dont trois (3) ont été passés dans la haute direction de la société d'assurance ou de réassurance ou des entités similaires.

Article 18: Qualifications du Chef Financier

Chaque assureur ou réassureur doit avoir à plein temps un Chef des Finance ou le responsable de cette fonction qui doit:

- 1° avoir des qualifications professionnelles en comptabilité d'une institution reconnue ; et
- 2° être détenteur d'un diplôme de Maîtrise en comptabilité ou finance avec au moins cinq (5) ans d'expérience en finance.

Ingingo ya 19: Ibyangombwa umuyobozi ushinzwe tekini agomba kuba yujuje

Buri mwishingizi cyangwa umwishingizi w'abishingizi agomba kugira Umuyobozi uhoraho ushinzwe tekini cyangwa ukuriye uwo murimo ugomba kuba:

- 1° ari umunyamuryango ugira uruhare mu bikorwa by'urugaga rw'abanyamwuga, mu bwishingizi, afite impamyabushobozi ya CII, cyangwa indi mpamyabumenyi y'umwuga bihwanye;
- 2° afite impamyabumenyi y'icyiciro cya gatatu cya kaminuza mu byerekeye gucunga imirimo y'ubucuruzi, ibyerekeye Ubukungu cyangwa ibindi bifitanye isano akanagira nibura uburambe bw'imyaka itanu (5) nk'umukozi mukuru ugurisha ubwishingizi.

Ingingo ya 20: Umuyobozi mukuru ushinzwe ubugenzuzi bw'imbere

Umuyobozi mukuru ushinzwe ubugenzuzi w'imbere mu kigo cy'ubwishingizi cyangwa w'umwishingizi w'abishingizi cyangwa uhagarariye uwo murimo agomba kugira nibura :

- 1° impamyabumenyi y'icyiciro cya kabiri cya kaminuza mu icungamutungo, ubucuruzi, imari,

Article 19: Qualifications of Technical Director

Every insurer or reinsurer shall have a full time Technical Director or the head of such function who shall be:

- 1° be an active member of insurance professionals body, CII, or; any other similar professional qualification;
- 2° be a holder of Master's degree in Business Administration, Economics or any other related areas with at least 5 years of business experience in insurance as senior Underwriter.

Article 20: Chief internal auditor

The Chief internal auditor of insurance company or reinsurer or the head of such function shall have at least:

- 1° Bachelor's degree in accounting, finance, or other relevant field,

Article 19: Qualifications du Directeur Technique

Chaque assureur ou réassureur doit avoir à temps plein un Directeur Technique ou le responsable de cette fonction qui doit:

- 1° être un membre actif d'une organisation professionnelle en assurance, CII, ou toute autre qualification professionnelle similaire;
- 2° être détenteur d'un diplôme de Maîtrise en Administration des affaires, Economie ou tout autre domaine connexe avec au moins 5 ans d'expérience en activité d'assurance comme haut cadre de souscription.

Article 20: Chef Auditeur interne

Le Chef d'audit interne de la société d'assurance ou du réassureur ou le responsable de cette fonction doit au moins avoir:

- 1° licence en comptabilité, en finance ou dans un autre domaine y relatif ; la

Official Gazette no. 01 of 07/01/2019

impamyabumenyi y'icyiciro cya gatatu cya kaminuza, ikaba ariyo yahabwa amahirwe, cyangwa akaba yarize ibindi bifitanye isano ;

master's degree in these fields being preferred and;

maîtrise dans ces domaines étant préférée, avec;

2° agomba kandi kuba afite impamyabushobozi mu by'ubugenzuzi bw'imbere bw'ibigo (CIA), ACCA, CPA cyangwa indi mpamyabumenyi bifitanye isano ;

2° any of Certified Internal Auditor (CIA), ACCA, Certified Public Accountant (CPA) or related qualification and at least;

2° uditateur interne certifié (CIA), ACCA, expert-comptable (CPA) ou qualification connexe et au moins ;

3° akanagira kandi nibura imyaka 7 y'uburambe mu byerekeye ubugenzuzi; nibura 3 muri yo akaba yarayimaze akorana mu buyobozi bukuru bw'ikigo cyangwa ugize inama y'ubutegetsi y'ikigo cy'imari ;

3° 7 years of progressively responsible full-time experience as an auditor of which 3 has been passed working as a senior manager of the organization or as a board member of a financial institution.

3° 7 ans d'expérience à temps plein en tant qu'auditeur, dont 3 ans en tant que cadre dirigeant de l'organisation et/ou membre du conseil d'administration de l'institution financière.

Ingingo ya 21: Umuyobozi mukuru/ubwishingizi bwo kwivuza

Article 21: Director / Medical

Article 21: Directeur / Médical

Umuyobozi mukuru/ w'umwishingizi cyangwa umwishingizi w'abishingizi wa serivisi z'ubuvuzi agomba kugira:

A Director/ Medical of an insurer or reinsurer that sell medical and health insurance must hold at least:

Un directeur / assurance médicale d'un assureur ou réassureur qui vend une assurance maladie doit avoir au moins:

1° impamyabushobozi y'ikiciro cya kabiri cya kaminuza mu byerekeye ubuvuzi; cyangwa;

1° bachelor's degree medical or related fields; or

1° licence dans le domaine médical; ou

2° impamyabushobozi ihanitse mu buforomo; cyangwa

2° bachelor's degree in nursing; or

2° licence en sciences infirmières; ou

3° Impamyabushobozi ihanitse mu beyerekeye imiti;

3° bachelor's in Pharmacy;

3° licence en pharmacie ;

Official Gazette no. 01 of 07/01/2019

Uwo ari we wese mu bavugwa mu duka twa 10, 20, na 30 tw'iyi ngingo agomba kuba afite nibura imyaka ibiri ikurikiranye y'uburambe mu buvuzi cyangwa mu byerekeye imiti.

Ingingo ya 22: Umuyobozi ushinzwe gucunga ibyateza ingorane

Umuyobozi mukuru ushinzwe gucunga ibyateza ingorane w'umwishingizi cyangwa umwishingizi w'abishingizi agomba kuba nibura afite:

- 1° impamyabumenyi y'icyiciro cya gatatu cya kaminuza mu byerekeye gucunga ibyateza ingorane, mu by'imari, ubukungu cyangwa andi mashuri afitenye isano na byo na;
- 2° imyaka 6 nibura y'uburambe mu byerekeye gucunga ibyateza ingorane mu murimo w'ubwishingizi cyangwa mu bwishingizi bw'abishingizi cyangwa mu igo bimeze nkabyo kandi nibura imyaka itatu muri yo akaba yarayikoze mu myanya y'ubuyobozi bukuru.

Ingingo ya 23: Imihango yo gutanga icyemezo

Nyuma yo kwakira urwandiko rusaba uruhushya rwo gukora, ruherekejwe n'inyemezabwishyu y'amafaranga yo kwiga dosiye, Banki Nkuru igomba kuba, mu gihe kitarenze iminsi irindwi (7) y'akazi,

Any of the persons specified in 10, 20, and 30 of this article must have at least 2 years working experience in medical practice or 2 years consecutive in pharmacy practice.

Article 22: Chief Risk Officer

The Chief Risk Officer must have for insurer or reinsurer:

- 1° at least master's degree in risk management, actuarial science, finance, accounting, economics or related field with;
- 2° at least 6 years working in risk management in insurance or reinsurance companies or similar institutions of which 3 have been passed in managerial position.

Article 23: Licensing procedures

Upon receipt of the application form together with the application fee and required supporting documents, the Central Bank shall, within seven (7) working days, send to the

Chacun des personnes citées au points 10, 20, et 30 du présent article doit avoir au moins 2 ans d'expérience consécutive dans la pratique médicale ou pharmaceutique.

Article 22: Directeur des risques

Le Directeur des risques doit avoir pour assureur ou réassureur:

- 1° au moins maîtrise en gestion des risques, science actuarielle, finance, comptabilité, économie ou domaine connexe, avec;
- 2° au moins 6 ans d'expérience en gestion des risques dans des sociétés d'assurance ou de réassurance ou des entités similaires dont 3 ont été passées en tant que cadre dirigeant.

Article 23: Procédures d'octroi d'agrément

Dès la réception du formulaire de demande accompagné des frais de demande et des pièces justificatives requises, la Banque Centrale, endéans sept (7) jours ouvrables, envoie au

Official Gazette no. 01 of 07/01/2019

yoherezeza ku mugaragaro uwasabye ibaruwa yemeza ko yakiriye ubusabe cyangwa ibaruwa igaragaza ko dosiye ituzuye.

Ibaruwa y'uko usaba atujuje ibisabwa igomba kugaragaza ibyangombwa bibura muri dosiye isaba, ikanatanga igihe ntarengwa cyo gukosora ibyo bibura kandi ikavuga ko nta kindi cyemezo Banki Nkuru ishobora gufata keretse bimaze gukosorwa mu gihe cyagenwe.

Banki Nkuru igomba, mu gihe kitarenze amezi atatu (3) uhereye ku itariki yakiriye dosiye isaba yuzuye, gufata icyemezo cyo kwemerera cyangwa kwanga ubusabe no kumenyesha uwari wasabye icyemezo yafashe mu nyandiko.

Iyo Banki Nkuru ifashe icyemezo cyo gutanga icyemezo, igomba kubikora mu ibaruwa imenyeshya uwari wasabye iherekejwe n'icyemezo cyo gukoraa.

Ingingo ya 24: Agaciro k'icyemezo gihawe umwishingizi cyangwa umwishingizi w'abishingizi

Icyemezo Banki Nkuru iha umwishingizi cyangwa umwishingizi w'abishingizi kigumana agaciro kacyo kugeza igihe cyatasherezwaga agaciro na Banki Nkuru.

Applicant a formal letter of acknowledgement or a letter of deficiency.

A letter of deficiency shall outline the deficiencies in the application; provide a deadline for rectification and state that no further action shall be taken by the Central Bank unless the deficiencies are rectified within the period prescribed.

The Central Bank shall, within three (3) months from the date of the receipt of the complete application, decide to approve or refuse the application and specify in writing the decision to the applicant in writing.

Where the Central Bank decides to grant a license it shall do so, through a notification letter to the applicant that shall be accompanied by the certificate of license.

Article 24: Validity of the license granted to an insurer or reinsurer

A license granted by the Central Bank to an insurer or reinsurer shall remain valid until revoked by the Central Bank.

requérant une lettre officielle d'accusé de réception ou d'insuffisance de documents.

La lettre d'insuffisance doit décrire les insuffisances dans la demande; donner le délai pour compléter le dossier et indiquer qu'aucune autre action ne doit être prise par la Banque Centrale avant que les insuffisances ne soient corrigées dans le délai prescrit.

La Banque Centrale doit, endéans trois (3) mois à compter de la date de réception de la demande complète, approuver ou refuser la demande et notifier par écrit cette décision au demandeur.

Si la Banque Centrale décide d'octroyer l'agrément, elle doit le faire dans la lettre de notification adressée au demandeur accompagnée par le certificat d'agrément.

Article 24: Validité d'agrément accordé à un assureur ou à un réassureur

L'agrément octroyé par la Banque Centrale à un assureur ou réassureur reste valide jusqu'à ce qu'il soit révoqué par la Banque Centrale.

Ingingo ya 25: Gutangaza abemerewe gukora umurimo w'ubwishingizi n'uw'ubwishingizi bw'abishingizi

Banki Nkuru itangaza ku rubuga rwayo rwa interineti urutonde rujyanye n'igihe abishingizi n'abishingizi b'abishingizi.

Ingingo ya 26: Kugaragaza icyemezo

Icyemezokimanikwa igihe cyose ahantu hagaragara ku kicaro gikuru cy'umwishingizi cyangwa umwishingizi w'abishingizi bireba, kandi kopi zacyo nazo zigomba kumanikwa ahantu hagaragara kuri buri biro by'ishami.

Ingingo ya 27: Ibujijwe ku cyemezo cyatanzwe

Umwishingizi cyangwa umwishingizi w'abishingizi ntashobora gukorera undi murimo uwo ariwo wose cyangwa ibindi bikorwa ku butaka bwa Repubulika y'u Rwanda cyangwa ahandi uretse yasabiye icyemezo kandi yemerewe gukora.

Banki Nkuru ishobora, nyuma yo guha integuza umwishingizi cyangwa umwishingizi w'abishingizi, kugabanya cyangwa guhindura ingingo zerekeye icyemezo yahawe.

Ingingo ya 28: Ibisabwa byerekeye amakuru ajyanye n'igihe

Buri mwishingizi n'umwishingizi w'abishingizi wahawe icyemezo agomba

Article 25: Publication of licensed insurers and reinsurers

The Central Bank shall publish an updated list of the licensed insurers and reinsurers on its website.

Article 26: Display of a license

The license shall be displayed at all times in a conspicuous place at the head office of the concerned insurer or reinsurer, and copies of it shall be similarly displayed in a conspicuous place at each of its branch offices.

Article 27: License restrictions

An insurer or reinsurer shall not carry out any other business or activities in Rwanda or elsewhere other than those for which it requested a license and which it is authorized to carry out.

The Central Bank may, after giving reasonable notice to the licensed insurer or reinsurer, restrict or amend the terms and conditions of its license.

Article 28: Updated information requirement

Every licensed insurer and reinsurer shall submit to the Central Bank an updated

Article 25: Publication des sociétés d'assurance et de réassurance agréées

La Banque Centrale, publie sur son site web, une liste actualisée des assureurs et des réassureurs agréés

Article 26: Affichage d'un agrément

L'agrément est en tout temps affiché dans un endroit bien visible au siège social de l'assureur ou réassureur concerné, et les copies doivent être également affichées dans un endroit bien visible à chacune de ses branches.

Article 27: Restrictions sur l'agrément

Un assureur ou réassureur ne peut exercer aucune autre activité ou des activités au Rwanda ou ailleurs autres que celle dont il a demandé d'agrément et qu'il est autorisé à exercer.

La Banque Centrale peut, après avoir donné un préavis raisonnable à l'assureur ou réassureur agréé, restreindre ou modifier les termes et conditions de son agrément.

Article 29: Exigence de mettre à jour les informations

Chaque assureur et réassureur agréé doit transmettre à la Banque Centrale une fiche des

gushyikiriza Banki Nkuru Urupapuro ruriho amakuru ajyanye n'igihe nk'uko rugaragazwa mu **Mugereka wa 2B** bitarenze ku muni wa 31 w'ukwezi kwa Mutarama buri mwaka hamwe n'Ifishi y'Imenyekanisha rye ryihariye nk'uko isobanuwe mu **Mugereka wa 2C** kuri buri wese uteganywa gushyirwaho nk'uri mu nama y'ubutegetsi hamwe n'indahiro ya perezida w'inama y'ubutegetsi wa sosiyete igaragara ku **Mugereka wa 2D**.

Ikiciro cya 3: Ingingo zerekeye gushyiraho ibigo bihagarariye abishingizi b'abishingizi b'abanyamahanga

Ingingo ya 29: Gushyiraho ibiro bihagarariye umwishingizi w'abishingizi ukorera mu mahanga

Abishingizi b'abishingizi bakorera mu mahanga bashobora gushyiraho ibiro bihagarariye mu Rwanda.

Umwishingizi w'abishingizi ukorera mu mahanga ushaka gushyiraho ibiro bihagarariye mu Rwanda abisabira uruhushya Banki Nkuru akoresheje inyandiko isaba igaragara ku **Mugereka 2E**.

Gusaba biba bikubiyemo izi nyandiko/amakuru bikurikira:

1° inyandiko isaba yujujwe neza ivugwa mu gika cya kabiri cy'iyi ngingo;

Information Sheet as set out in **Appendix 2B** not later than the 31st day of January each year and a Personal Declaration Form as set out in **Appendix 2C** for each subsequent proposed director together with the chairperson's declaration as set out in **Appendix 2D**.

Section 3: Specific provisions on reinsurers representative office

Article 29: Establishment of representative office

Foreign reinsurers may establish representation office in Rwanda.

A foreign reinsurer that seeks to establish a representative office in Rwanda shall file an application for authorization to the Central Bank using an application form as found on **Appendix 2E**.

Application shall include the following document:

1° a well filled application form specified in Paragraph 2 of this Article;

information actualisées tel qu'il est prévu en **Annexe 2B** au plus tard le 31ème jour du mois de janvier de chaque année et un formulaire de déclaration personnelle prévu à l'**Annexe 2C** pour chaque Administrateur proposé ultérieurement accompagné d'une déclaration du Président du Conseil d'Administration prévue en **Annexe 2D**.

Section 3: Dispositions spécifiques sur le bureau de représentation des réassureurs

Article 29: Ouverture d'un bureau de représentation

Les réassureurs étrangers peuvent établir un bureau de représentation au Rwanda.

Un réassureur étranger qui cherche à établir un bureau de représentation au Rwanda doit déposer une demande d'autorisation auprès de la Banque Centrale en utilisant un formulaire de demande figurant à l'**Annexe 2E**.

La demande doit comporter les documents et informations suivant:

1° le formulaire de demande bien rempli spécifié à l'alinéa 2 du présent article;

Official Gazette no. 01 of 07/01/2019

- | | | |
|------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|-----------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|
| 2° ikimenyetso kigaragaza ko hishyuwe amafaranga FRW500,000 yo gusaba adasubizwa; | 2° a proof of payment of application fee of FRW500,000 non-refundable; | 2° une preuve de paiement des frais de demande de FRW500, 000 non remboursable; |
| 3° fotokopi y'indangamuntu cyangwa, iyo ari umunyamahanga, ya pasiporo ifite agaciro y'uzayobora ibyo biro; | 3° copy of the national ID or of valid passport of proposed Chief Representative; | 3° copie de la carte d'identité nationale ou, lorsqu' il est étranger, du passeport valide du Représentant Principal proposé; |
| 4° umwirondoro usinye w'uzayobora ibiro | 4° a signed resumés of the chief representative; | 4° le curriculum vitae signé du Représentant en Chef de l'Office ; |
| 5° icyemezo cy'inama y'ubutegetsi y'usaba kiriho umukono wa noteri gisaba gushyiraho ibiro bihagarariye umwishingizi w'abishingizi; | 5° a certified copy of the board resolution of the applicant, to establish a representative office for a foreign reinsurer; | 5° une copie certifiée de résolution du conseil d'administration du demandeur cherchant à établir un bureau de représentation du réassureur étranger; |
